Hakomeje kuzamo gishegesha!! Nyuma ya Ish Kevin, Chris Easy nawe yikuye mu Gitaramo cya Demarco i Kigali

January 26, 2023

Nyuma y'amasaha make Ish Kevin asezeye mu gitaramo cyatumiwemo umuhanzi Demarco, Chris Eazy na we yamaze gusohora itangazo risezera muri iki gitaramo guteganyijwe kubera muri BK Arena ku wa 28 Mutarama 2023.

Umuhanzi Chris Easy yatangaje ko atazaririmba mu gitaramo cyatumiwemo umunya-Jamaica Demarco i Kigali.

Mu itangazo Giti Business Group ireberera inyungu za Chriss Eazy, yasohoye igaragaza ko yikuye mu gitaramo cyatumiwemo Demarco uzataramira abanya-Kigali mu mpera z'iki Cyumweru.

> *Riti ''Nyuma y'ubusesenguzi twakoze, twahisemo gukura Chriss Eazy ku rutonde rw'abazakirimbamo muri iki gitaramo kubera kutagira gahunda ndetse n'ubunyamwuga buke bw'abagiteguye.''*

Rikomeza rivuga ko nka label hari 'standards' yashyizeho bityo kubera ko kuri iki gitaramo iz'abateguye zidahura n'izayo[label] bahisemo gukuramo umuhanzi wabo.

Rirangira bisegura ku bafana bati

''Turisegura ku bafana ba Chriss Eazy bari biteguye kumubona aririmba, gusa twizeye ko bari kumva icyemezo cyacu cyo gushyira imbere imibereho myiza n'iterambere rya kinyamwuga by'umuhanzi wacu. Tuzakomeza gukorana n'abategura ibitaramo b'abanyamwuga mu bihe biri imbere.''

Abahanzi basigaye ku rutonde rwabazatarama muri iki gitaramo

barimo Ariel Wayz, Bushali, Deejay Pius, Kivumbi King, Sintex, Spax, Dee Rugz, BigBang Bishanya, Davy Ranks na Demarco.